K0142088

IDENTIFICATION	: Juin-1037 09/6/94
DUREE	: 60 minutes
QUALITE	: Mauvaise
TRANSMISSION	: Radio Rwanda
NOM	: KANTENGWA Marie-France
DATE DE TRANSCRIPTION	: 28/06/99
NOM DU FICHIER	: juin 1037
DICTAPHONE	: ExpressWrite Model 2750-6

FACE A

...muri iki gihugu barahagurukiye (interruption)

Journal parlé en Français

0.3

Bienvenu à l'écoute de ce journal dont voici tout de suite les titres.

- Le F.P.R s'enfonce de plus en plus dans la barbarie inégalée, 13 religieux rwandais ont été assassinés hier à KABGAYI par ces combattants. Parmi les victimes figurent 2 évêques ainsi que l'archevêque de Kigali.
- Le Gouvernement intérimaire rwandais lui, marque des points à Tunis, le conseil ministériel de l'O.U.A a décidé d'inscrire le problème rwandais à son ordre du jour. Ce même conseil a tranché pour l'attribution du siège de notre pays lors du prochain sommet, c'est le Gouvernement intérimaire qui occupera ce siège.
  Et puis, le conseil de sécurité de l'O.N.U approuvé l'envoi de 5.500 casques bleus dans notre pays.

Tout d'abord la situation sur le plan militaire, les combats se poursuivent sur tous les fronts. Sur le front Kigali-nord, les Forces armées rwandaises ont libéré hier la grande partie de Gatsata. Dans les combats pour la libération du quartier de Gatsata, les Forces armées rwandaises ont dénombré cinq éléments du F.P.R tués et ont récupéré plusieurs armes et minutions. Les accrochages se sont poursuivis toute la journée d'hier dans les quartiers de Cyivugiza et de Gikondo suivis du pilonnage par le F.P.R sur les quartiers résidentiels. Le ministère de la défense nationale nous informe que...qu'au secteur Rulindo et Ruhengeri pour la journée d'hier, l'ennemi n'a utilisé que le pilonnage aveugle. Du côté de Gitarama les Forces armées rwandaises mènent une action de ratissage des éléments infiltrés du F.P.R, d'une part le ministère de la défense nationale prie no...et...instamment la population de redoubler de vigilance et de signaler aux Forces armées rwandaises tout mouvement ou tout élément infiltré du F.P.R, et d'autre part, ce même ministère demande aux bourgmestres et aux policiers communaux d'épauler la population en l'encadrant pour continuer à prêter mains fortes aux Forces armées rwandaises.

Actualité nationale toujours, les combattants du F.P.R continuent de commettre des actes de barbarie inégalée, comme l'a indiqué leur radio pirate, Radio Muhabura citée par la radio France internationale, 13 religieux ont été (interruption) de participer à des massacres contre les membres de leurs familles. Selon Radio Muhabura une enquête a été ouverte enfin de retrouver les auteurs de la tuerie. N'oublions pas aussi qu'hier un journaliste français a été blessé à Nyamirambo par des tirs du F.P.R. Il accompagnait des délégués de l'Organisation Médecins sans frontières en séjour au Rwanda pour visiter les

orphelinats à travers le pays.

Côté diplomatique, le conseil des ministres de l'O.U.A réunis à Tunis a décidé finalement d'inscrire le Rwanda à l'ordre du jour. Ce même conseil a tranché pour l'attribution du siège du Rwanda lors du sommet, c'est le président de l'Assemblée nationale devenu aujourd'hui chef de l'état, c'est lui qui représentera le Rwanda. Pas satisfait, le F.P.R aurait souhaité que cette chaise reste vide. Victoire donc du côté du Gouvernement intérimaire dont le représentant au conseil ministériel de l'O.U.A à Tunis, le ministre Jérôme BICAMUMPAKA attend du prochain sommet qu'ils soutiennent les revendications gouvernementales. Ecoutons Jérôme BICAMUMPAKA.

3.5

Orateur : Jérôme BICAMUMPAKA, ministre des affaires étrangères

Nous attendons que l'O.U.A fasse sien le problème rwandais et non pas le considérer comme un conflit uniquement interne rwando-rwandais, mais le placer dans un contexte régional du fait des interférences étrangères comme celui du président ougandais Yoweri MUSEVENI. Nous attendons beaucoup de l'O.U.A, d'une part euh, initier l'action à l'endroit du président MUSEVENI d'Ouganda en vue de la met..a...retirer ses troupes et ses armements qu'il a mis entre les mains du F.P.R, donc à l'amener à se désengager, à ne plus s'ingérer dans...dans le conflit. Nous attendons aussi de l'O.U.A qu'il puisse convaincre le F.P.R à accepter un dialogue direct avec le Gouvernement rwandais de manière à l'établissement rapide d'un cessez-le-feu et de mise en application des accords de paix d'Arusha. Nous attendons aussi de l'O.U.A que, elle puisse organiser la constitution et le déploiement rapide, euh de la mission de la MINUAR renforcée, et de manière à ce que ces troupes des Nations Unies puissent déployés le plus rapidement possible donc, et contribuer à l'avènement de la paix dans notre pays.

4.6

C'était le chef de la diplomatie rwandaise Jérôme BICAMUMPAKA qui participe aux travaux du conseil ministériel de l'O.U.A à Tunis.
Toujours à propos du Rwanda, le président Omar BONGO en visite de travail à Paris, a affirmé hier, qu'il faut placer le Rwanda sous le contrôle des Nations-Unies. Ecoutons Omar BONGO exposer cette idée particulière.

Orateur : le président Omar BONGO du Gabon

Le Rwanda, j'ai un point de vue euh peut être particulier mais que je vais soumettre aux autres chefs d'Etats lorsque nous serons à Tunis pour le sommet de l'O.U.A, je crois qu'il faut faire en sorte que peut être le Rwanda soit sous la protection de l'O.N.U. (Interruption)

En attendant que cette idée particulière soit soumise au prochain sommet de l'O.U.A à Tunis, signalons que le Conseil de sécurité des Nations-Unies a officiellement approuvée hier, l'envoi de 5.500 casques bleus au Rwanda pour une durée de 6 mois.
Le principe avait été autorisé le 17 mai dernier, mais les Etats-Unis avaient insisté pour que les troupes ne soient pas déployées tant que les discussions avec l'O.N.U sur la nature de l'opération ne serait pas terminées. De New York de précisions avec Hugue DAMAIRE.

5.9

...minutes jusqu'à 20 ans pour les envoyer loin du Rwanda comme nous avons fait lorsqu'il y a eu des événements semblables au Nigéria. Et puis lorsque ces enfants là auraient été soignés, lorsque l'accalmie reviendra dans le pays, eh ben les remettra leurs familles.

C'était donc le président Omar BONGO du Gabon, qui continue de...d'exposer son idée particulière de placer le Rwanda sous le mandat des Nations-Unies. Maintenant nous en revenons à l'élément de New York de précision sur la décision prise par le Conseil de sécurité, le Conseil de sécurité qui a approuvé hier l'envoi de 5.500 casques bleus au Rwanda. Nous écoutons Hugue DAMAIRE.

6.7

Le conseil de sécurité de l'O.N.U vient d'adopter pour une seconde fois une résolution comme condamnant la violence qui se déchaîne au Rwanda. Le conseil de sécurité de l'O.N.U s'ést dit indigné de constater que jusqu'à ces jours, les belligérants n'ont cessé des hostilités, ni respecté un cessez-le-feu, et puis les civils sont toujours victimes du carnage. Tout en prenant note de génocide, des milliers de civils rwandais et conseil de sécurité a demandé un cessez-le-feu de la part de deux parties. Le conseil a aussi prolongé la mission des casques bleus présents au Rwanda jusqu'au 29/juin /94 en attendant l'arrivée de 5.600 casques bleus. Concernant l'arrivée de 5.600 casques bleus au Rwanda, le Conseil de sécurité s'était trouvé dans cette situation difficile due au manque des moyens logistiques, les matériels, et que néanmoins le déploiement devrait se faire dans les semaines à venir. La France de son côté, par la voie de son représentant à l'O.N.U dans une allocution au conseil, a qualifié de génocide à la tuerie au Rwanda et l'on fait un appel à l'arrêt des hostilités. Hugue DAMAIRE, New York.

Orateur : SINDIKUBWABO Théodore, président de la république 7.9

Amezi abiri arashize turi mu ntambara, intambara yubuwe na F.P.R Inkotanyi imaze kwivugana umukuru w'igihugu cyacu, nyakubahwa jenerali majoro HABYARIMANA Yuvenali. Iyo ntambara yubuwe na F.P.R Inkotanyi, yakurikiwe n'imvururu nyinshi hose mu gihugu zatumye umutekano uba muke mu baturage. Guverinoma y'abatabazi yagiyeho, mu nshingano yari ifite harimo kugarura umutekano. Mu ijambo yagejeje ku

banyarwanda bose, nyakubahwa perezida wa repubulika, Docteur SINDIKUBWABO Tewodori, yashimiye abaturage ko amahoro n'umutekano bimaze kugaruka, akaba asaba abaturage guhagurukira abumva nabi, bakarwanya urugomo umutekano ukagaruka hose. Twumve ijambo rya perezida wa repubulika.

19.9

Orateur : SINDIKUBWABO Théodore, président de la république

Baturarwanda mwese, amezi abiri arashize inzego z'ubutegetsi zigiyeho nyuma y'aho abanzi b'u Rwanda biciye umukuru w'igihugu cyacu, Nyakubahwa jenerali majoro HABYARIMANA Yuvenali. Ndabasaba ngo twongere twibuke umubyeyi w'amahoro n'izindi ntwari batabarukanye.
Abanzi b'u Rwanda rero mu mugambi wabo bari bizeye ko nibamara kuduca umutwe bahita barwigarurira nta nkomyi, ariko muzi ko atariko byagenze, kuko abakuru b'ingabo zanyu bafatanije n'abakuru b'amashyaka yari agize Guverinoma, bihutiye kuziba icyuho bifashishije ingingo ya mirongo ine n'ebyiri y'itegekonshinga, inzego z'ubutegetsi zisubiraho kugira ngo igihugu kidasigara mu gahi...mu gihirahiro.
Muribuka ko Guverinoma twise **iy'Abatabazi**, abayigize bamaze kurahira kutazahemukira abaturarwanda ku ya cyenda mata, bahise batangirana ingoga imirimo biyemeje, uw'ibanze ukaba wari uwo kugarura amahoro n'umutekano by'abaturage byari bimaze guhungabanywa n'iyubura ry'imirwano rya F.P.R. Muribuka ko Perezida wa repubulika na Guverinoma, bihutiye kubagezaho ubutumwa bw'amahoro, ba perefe na ba burugumesitiri bagasabwa kubugeza ku baturage mwese no kubusobanura. Muribuka ndetse ko, ari perezida wa repubulika, ari ministre w'intebe na ba ministres be, muribuka ko byanabahagurukije bakabasanga iwanyu, ari ukugira ngo babereke ko...ari ukugira ngo babereke kandi babumvishe ko iyo nshingano yo kugarura amahoro n'umutekano by'abaturarwanda ariyo shingiro ry'ibigomba gukorwa byose. Nyuma y'amezi abiri rero ashize turagira ngo tubabwire banyarwanda banyarwandakazi mwese, turagira ngo tubabwire ko twabashimye kandi twifuza ko iryo shimwe mwarihorana. Koko rero, n'ubwo hamwe na hamwe byagiye bitatworohera, ubu dushobora kuvuga ko muri rusange amahoro n'umutekano bimaze kugaruka mu Rwanda hose uretse mu bice ingabo za F.P.R zikomeza kwica abaturage b'inzirakarengane. Ahasigaye rero ni ah'inzego zishinzwe umutekano, abagenzacyaha n'abacamanza, kugira ngo haramutse hagize abamenyereye kumva nabi, bagerageza kongera gusagarira abaturage, amategeko abahane yihanukiriye. Baturarwanda mwese, nubwo dukwiye kwishimira intambwe nziza imaze kugerwaho mu rwego rw'umutekano, ntitwakwibagirwa ko Inkotanyi zo zakomeje gahunda yazo mbi yo gutsemba abo batavuga rumwe, no kubasenyera ibikorwa mwagezeho mwiyushye akuya. Niyo mpamvu twongera kubibutsa, buri munyarwanda aho ari hose no mu byo akora byose, ko mutagomba kwirara kuko umwanzi wacu agikomeje gahunda ye yo kwica no gusenya. Niturusheho rero kwiyumvisha ko, no kumvisha abaturi...abo turi kumwe ko twese dushinzwe kurwana no gutsinda iyi

ntambara. Umusirikare akomere ku muheto we atitaye ku banyabwoba n'abagambanyi, abari kuri za bariyeri no ku marondo bashi...bashishoze neza birinde akarengane n'urugomo, abahinzi bamenye ko bagomba gutunga imbaga nya...y'abanyarwanda bose, abayobozi n'abashinzwe umutekano bibuke ko aribo amahoro yi...y'aba...y'abanyarwanda ashinzwe. Abacuruzi bibuke ko bategetswe gukora iyo bwabaga ngo baduhahire, kandi abategetsi bakorana nabo bajye babafasha banaborohereze muri uwo murimo utoroshye. Umukozi wa leta, uw'ikigo kigenga, uwa sosiyete cyangwa uwikorera ku giti cye, buri wese niyibuke ko ategetswe guhagurukira umurimo we, bityo twese nitumara kumva neza, no kwemera ko tugomba kurwana iyi ntambara nta shiti tuzayitsinda. Banyarwanda banyarwandakazi baturarwanda mwese, inshingano ya kabiri Guverinoma yiyemeje ni iyo gusubukura no gukomeza imishyikirano na F.P.R ngo inzego z'inzibacyuho yaguye zishobore kujyaho, nyamara n'ubwo Guverinoma ntacyo itakoze iyo nshingano ntiragerwaho, kuko buri gihe abahagarariye F.P.R bashyiraho amananiza. Dukomeje ariko kwizera ko amaherezo bazarushaho gushyira mu gaciro, bakiyumvisha ko ikibazo abanyarwanda bapfa kidashobora kurangizwa n'intambara. Banyarwanda namwe nshuti z'u Rwanda, inshingano ya gatatu ya Guverinoma ni ugukora ibishoboka byose ngo igoboke imbaga y'abanyarwanda bari mu kaga kazanywe n'iyi ntambara. Izo mbabare ubu zimaze kuba nyinshi cyane ku buryo Guverinoma itabonye inkunga y'abagiraneza idashobora gukemura icyo kibazo. Nicyo gituma twongeye gutabaza buri wese ugifite umutima w'impuhwe, ari imiryango cyangwa abagiraneza ku giti cyabo, buri wese icyo ashoboye n'uko yishoboye, maze minisiteri y'imibereho myiza ifatanije n'izi...n'izindi nzego, ba perefe na ba burugumestres, igashyiraho gahunda n'uburyo buboneye kugira ngo aba...ababaye kurusha abandi bashobore kugobokwa vuba. Mu kurangiza iri jambo twageneye uyu munsi, turagira n'icyo tubwira ibihugu n'imiryango mpuzamahanga.

Icya mbere, u Rwanda rurongera gutangaza ku mugaragaro ko rutahwemye kwerekana ubushake n'icyifuzo byo gushyira imbere imishyikirano n'ubwumvikane, mu gukemura intambara yashojwe na F.P.R.

Icya kabiri, u Rwanda rurongera gushimira ibihugu n'imiryango mpuzamahanga bitahwemye kurutera inkunga, cyane cyane mu mishyikirano rwagiranaga na F.P.R yari igamije kurangiza intambara no kugarura amahoro mu Rwanda.

Icya gatatu, u Rwanda rwongeye gusaba amahanga yose yemera kandi ashyigikiye ukuri n'amahoro, duhereye ku bihugu by'Afurika kimwe n'imiryango yose yemeza ko ishyigikiye uburenganzira bwa muntu, kudakomeza kurebera gusa ibyago n'akaga u Rwanda rumazemo hafi imyaka ine, ko ahubwo byatabarana ingoga, bigakora ibishoboka byose ngo intambara ihagarare maze abashyamiranye bagane inzira y'imishyikirano.

Icya kane, u Rwanda rurasaba inama y'umuryango w'abibumbye ishinzwe amahoro ku isi, kwihutisha iyoherezwa ry'ingabo zawo mu Rwanda ntayandi mananiza.

Banyarwanda banyarwandakazi baturarwanda mwese, nifuze kubagezaho iri jambo kuri uyu munsi twibuka amezi abiri ashize, benshi muri mwe, cyane cyane ingabo zanyu

twongeye gushima ku mugaragaro, amezi abiri ashize mwitanga amanywa n'ijoro ngo amahoro n'umutekano byongere bisugire. Nifuje ko kuri uyu munsi twakwibukiranya ko twese dutegetswe kurwana no gutsinda iyi ntambara tumazemo inyaka ine, ikaba imaze kuyogoza abantu n'ibintu. Nifuje ko uyu munsi twakwibukiranya ko buri wese ategetswe guhagurukira umurimo ashinzwe, nifuje kuri uyu munsi kongera gushimira ibihugu n'abagiraneza batahwemye kugoboka abanyarwanda. Nifuje no gutaba amahanga ngo areke gukomeza kurebera gusa akaga turimo, ahubwo adushyigikire kandi adufashe. Twashatse kandi kumenyesha abanyarwanda ko dukurikije ko ari twe dushinzwe kureba uko amategeko yubahirizwa, tuzakora ibishoboka, dufatanije n'inzego z'ubutegetsi n'amashyaka ya politike n'abandi banyarwanda, kugira ngo ibitegekwa n'ingingo ya mirongo ine n'ebyiri y'itegekonshinga ryo ku itariki ya 10 kamena 91 ryubahirizwe. Dukomeze gutera imbere muri demokarasi kandi duhe igihugu cyacu inzego zihamye zishobora gutuma dutera indi ntambwe mu guharanira amahoro. Nongeye gushimira by'umwihariko ingabo zanyu, zanze gutezuka no gutatira...no gutatira indahiro zarahiriye urwatubyaye, hanyuma rero nifuje no gushima mwebwe mwese mwumvise ko tugomba gutsinda umujinya n'uburakari, buri wese akaba intumwa y'amahoro, akaba umurinzi wa mugenzi we m'ukwihanganirana, kubabarirana maze mugahana amahoro. Muragahora mushimwa, kandi mukomeze gusaba Imana izadufasha. Tugire ayo mahoro twese. Niturusheho rero kwiyumvisha no kumvisha abo turi kumwe ko twese dushinzwe kurwana no gutsinda iyi ntambara.

18.0

Journal parlé en kinyarwanda, présenté par Dan Prosper KANANIZA

Abumva radiyo Rwanda mwese mwiriweho, uyu ni umwanya w'amakuru mu kinyarwanda, amakuru asoza ay'uyu munsi kuwa kane tariki ya cyenda z'ukwezi kwa gatandatu igihumbi kimwe magana cyenda mirongo cyenda n'ine, ayo makuru akaba agizwe n'izi ngingo z'ingenzi zikurikira :

- Amezi abiri arashize turi mu ntambara, intambara yubuwe na F.P.R Inkotanyi imaze guhitana umukuru w'igihugu cyacu nyakubahwa jenerali majoro HABYARIMANA Yuvenali. Iyo ntambara yakurukiwe n'imvururu mu gihugu cyose. Mu ijambo yagejeje ku banyarwanda bose, Nyakubahwa perezida wa repubulika, arashimira abaturage bose ko amahoro n'umutekano bimaze kugaruka mu gihugu.
- Imirwano irakomeje mu turere twose ibera mo. Ingabo z'igihugu cyacu zikomeje kwerekana ubutwari zifatanyije n'abaturage. Ejo babohoje igice kinini cya Gasyata hano muri Kigali.
- F.P.R Inkotanyi ikomeje ubwicanyi burenze urugero, i Kabgayi i Gitarama Inyenzi zishe abihayimana 13 barimo abepiskopi 3.

- Bamwe mubacitse ku icumu mu maperefegitura ya Byumba, Kibungo, Kigali n'igice kimwe cya Ruhengeri, bamuhungiye muri superefegitura ya Ngororero, bakeneye ibiribwa, imiti, n'ibyo kwambara. Aya makuru murayagezwaho na Dani Prosper KANANIZA.

19.2

Amezi abiri arashize turi mu ntambara, intambara yubuwe na F.P.R Inkotanyi imaze kwivugana umukuru w'igihugu cyacu, nyakubahwa jenerali majoro HABYARIMANA Yuvenali. Iyo ntambara yubuwe na F.P.R Inkotanyi, yakurikiwe n'imvururu nyinshi hose mu gihugu zatumye umutekano uba muke mu baturage. Guverinoma y'abatabazi yagiyeho, mu nshingano yari ifite harimo kugarura umutekano. Mu ijambo yagejeje ku banyarwanda bose, Nyakubahwa perezida wa repubulika, Docteur SINDIKUBWABO Tewodori, yashimiye abaturage ko amahoro n'umutekano bimaze kugaruka, akaba asaba abaturage guhagurukira abumva nabi, bakarwanya urugomo umutekano ukagaruka hose. Twumve ijambo rya perezida wa repubulika.

19.9

Orateur : SINDIKUBWABO Théodore, président de la république

Baturarwanda mwese, amezi abiri arashize inzego z'ubutegetsi zigiyeho nyuma y'aho abanzi b'u Rwanda biciye umukuru w'igihugu cyacu, Nyakubahwa jenerali majoro HABYARIMANA Yuvenali. Ndabasaba ngo twongere twibuke umubyeyi w'amahoro n'izindi ntwari batabarukanye.
Abanzi b'u Rwanda rero mu mugambi wabo bari bizeye ko nibamara kuduca umutwe bahita barwigarurira nta nkomyi, ariko muzi ko atariko byagenze, kuko abakuru b'ingabo zanyu bafatanije n'abakuru b'amashyaka yari agize Guverinoma, bihutiye kuziba icyuho bifashishije ingingo ya mirongo ine n'ebyiri y'itegekonshinga, inzego z'ubutegetsi zisubiraho kugira ngo igihugu kidasigara mu gahi...mu gihirahiro.
Muribuka ko Guverinoma twise **iy'Abatabazi**, abayigize bamaze kurahira kutazahemukira abaturarwanda ku ya cyenda Mata, bahise batangirana ingoga imirimo biyemeje, uw'ibanze ukaba wari uwo kugarura amahoro n'umutekano by'abaturage byari bimaze guhungabanywa n'iyubura ry'imirwano rya F.P.R. Muribuka ko Perezida wa repubulika na Guverinoma, bihutiye kubagezaho ubutumwa bw'amahoro, ba perefe na ba burugumesitiri bagasabwa kubugeza ku baturage mwese no kubusobanura. Muribuka ndetse ko, ari perezida wa repubulika, ari ministre w'intebe na ba ministres be, muribuka ko byanabahagurukije bakabasanga iwanyu, ari ukugira ngo babereke ko...ari ukugira ngo babereke kandi babumvishe ko iyo nshingano yo kugarura amahoro n'umutekano by'abaturarwanda ariyo shingiro ry'ibigomba gukorwa byose. Nyuma y'amezi abiri rero ashize turagira ngo tubabwire Banyarwanda Banyarwandakazi mwese, turagira ngo tubabwire ko twabashimye kandi twifuza ko iryo shimwe mwarihorana. Koko rero, n'ubwo hamwe na hamwe byagiye bitatworohera, ubu dushobora kuvuga ko muri rusange amahoro n'umutekano bimaze kugaruka mu Rwanda hose uretse mu bice

ingabo za F.P.R zikomeza kwica abaturage b'inzirakarengane. Ahasigaye rero ni ah'inzego zishinzwe umutekano, abagenzacyaha n'abacamanza, kugira ngo haramutse hagize abamenyereye kumva nabi, bagerageza kongera gusagarira abaturage, amategeko abahane yihanukiriye. Baturarwanda mwese, n'ubwo dukwiye kwishimira intambwe nziza imaze kugerwaho mu rwego rw'umutekano, ntitwakwibagirwa ko Inkotanyi zo zakomeje gahunda yazo mbi yo gutsemba abo batavuga rumwe, no kubasenyera ibikorwa mwagezeho mwiyushye akuya. Niyo mpamvu twongera kubibutsa, buri munyarwanda aho ari hose no mu byo akora byose, ko mutagomba kwirara kuko umwanzi wacu agikomeje gahunda ye yo kwica no gusenya. Niturusheho rero kwiyumvisha ko, no kumvisha abaturi...abo turi kumwe ko twese dushinzwe kurwana no gutsinda iyi ntambara. Umusirikare akomere ku muheto we atitaye ku banyabwoba n'abagambanyi, abari kuri za bariyeri no ku marondo bashi...bashishoze neza birinde akarengane n'urugomo, abahinzi bamenye ko bagomba gutunga imbaga nya...y'abanyarwanda bose, abayobozi n'abashinzwe umutekano bibuke ko aribo amahoro yi...y'aba...y'abanyarwanda ashinzwe. Abacuruzi bibuke ko bategetswe gukora iyo bwabaga ngo baduhahire, kandi abategetsi bakorana nabo bajye babafasha banaborohereze muri uwo murimo utoroshye. Umukozi wa leta, uw'ikigo kigenga, uwa sosiyete cyangwa uwikorera ku giti cye, buri wese niyibuke ko ategetswe guhagurukira umurimo we, bityo twese nitumara kumva neza, no kwemera ko tugomba kurwana iyi ntambara nta shiti tuzayitsinda. Banyarwanda Banyarwandakazi, baturarwanda mwese, inshingano ya kabiri Guverinoma yiyemeje ni iyo gusubukura no gukomeza imishyikirano na F.P.R ngo inzego z'inzibacyuho yaguye zishobore kujyaho, nyamara n'ubwo Guverinoma ntacyo itakoze iyo nshingano ntiragerwaho, kuko buri gihe abahagarariye F.P.R bashyiraho amananiza. Dukomeje ariko kwizera ko amaherezo bazarushaho gushyira mu gaciro, bakiyumvisha ko ikibazo abanyarwanda bapfa kidashobora kurangizwa n'intambara. Banyarwanda namwe nshuti z'u Rwanda, inshingano ya gatatu ya Guverinoma ni ugukora ibishoboka byose ngo igoboke imbaga y'abanyarwanda bari mu kaga kazanywe n'iyi ntambara. Izo mbabare ubu zimaze kuba nyinshi cyane ku buryo Guverinoma itabonye inkunga y'abagiraneza idashobora gukemura icyo kibazo. Nicyo gituma twongeye gutabaza buri wese ugifite umutima w'impuhwe, ari imiryango cyangwa abagiraneza ku giti cyabo, buri wese icyo ashoboye n'uko yishoboye, maze minisiteri y'imibereho myiza ifatanije n'izi...n'izindi nzego, ba perefe na ba burugumestres, igashyiraho gahunda n'uburyo buboneye kugira ngo aba...ababaye kurusha abandi bashobore kugobokwa vuba. Mu kurangiza iri jambo twageneye uyu munsi, turagira n'icyo tubwira ibihugu n'imiryango mpuzamahanga.

Icya mbere, u Rwanda rurongera gutangaza ku mugaragaro ko rutahwemye kwerekana ubushake n'icyifuzo byo gushyira imbere imishyikirano n'ubwumvikane, mu gukemura intambara yashojwe na F.P.R.

Icya kabiri, u Rwanda rurongera gushimira ibihugu n'imiryango mpuzamahanga bitahwemye kurutera inkunga, cyane cyane mu mishyikirano rwagiranaga na F.P.R yari

igamije kurangiza intambara no kugarura amahoro mu Rwanda.
Icya gatatu, u Rwanda rwongeye gusaba amahanga yose yemera kandi ashyigikiye ukuri n'amahoro, duhereye ku bihugu by'Afurika kimwe n'imiryango yose yemeza ko ishyigikiye uburenganzira bwa muntu, kudakomeza kurebera gusa ibyago n'akaga u Rwanda rumazemo hafi imyaka ine, ko ahubwo byatabarana ingoga, bigakora ibishoboka byose ngo intambara ihagarare maze abashyamiranye bagane inzira y'imishyikirano.
Icya kane, u Rwanda rurasaba inama y'umuryango w'abibumbye ishinzwe amahoro ku isi, kwihutisha iyoherezwa ry'ingabo zawo mu Rwanda ntayandi mananiza.
Banyarwanda banyarwandakazi baturarwanda mwese, nifuze kubagezaho iri jambo kuri uyu munsi twibuka amezi abiri ashize, benshi muri mwe, cyane cyane ingabo zanyu twongeye gushima ku mugaragaro, amezi abiri ashize mwitanga amanywa n'ijoro ngo amahoro n'umutekano byongere bisugire. Nifuje ko kuri uyu munsi twakwibukiranya ko twese dutegetswe kurwana no gutsinda iyi ntambara tumazemo inyaka ine, ikaba imaze kuyogoza abantu n'ibintu. Nifuje ko uyu munsi twakwibukiranya ko buri wese ategetswe guhagurukira umurimo ashinzwe, nifuje kuri uyu munsi kongera gushimira ibihugu n'abagiraneza batahwemye kugoboka abanyarwanda. Nifuje no gutaba amahanga ngo areke gukomeza kurebera gusa akaga turimo, ahubwo adushyigikire kandi adufashe. Twashatse kandi kumenyesha abanyarwanda ko dukurikije ko ari twe dushinzwe kureba uko amategeko yubahirizwa, tuzakora ibishoboka, dufatanije n'inzego z'ubutegetsi n'amashyaka ya politike n'abandi banyarwanda, kugira ngo ibitegekwa n'ingingo ya mirongo ine n'ebyiri y'itegekonshinga ryo ku itariki ya 10 kamena 91 ryubahirizwe. Dukomeze gutera imbere muri demokarasi kandi duhe igihugu cyacu inzego zihamye zishobora gutuma dutera indi ntambwe mu guharanira amahoro. Nongeye gushimira by'umwihariko ingabo zanyu, zanze gutezuka no gutatira...no gutatira indahiro zarahiriye urwatubyaye, hanyuma rero nifuje no gushima mwebwe mwese mwumvise ko tugomba gutsinda umujinya n'uburakari, buri wese akaba intumwa y'amahoro, akaba umurinzi wa mugenzi we mukwihanganirana, kubabarirana maze mugahana amahoro. Muragahora mushimwa, kandi mukomeze gusaba Imana izadufasha. Tugire ayo mahoro twese. Niturusheho rero kwiyumvisha no kumvisha abo turi kumwe ko twese dushinzwe kurwana no gutsinda iyi ntambara.

29.9

...z'igihugu cyacu n'iza F.P.R Inkotanyi. Iyo nama yatangiye kuwa mbere w'icyumweru gishize ku itariki ya mbere w'icyumweru gishize ku itariki ya 3 Gicurasi, ikomeza kuwa kane na none mu cyumweru gishize ku itariki ya 2 Kamena. Icyagombaga gusuzumwa, ni ukuntu imirwano yahagarara mu Rwanda, ariko muri ibyo byiciro byombi iyo ngingo ntiyigeze igerwaho kubera amananiza y'intumwa za F.P.R igaragaza ko guhagarika imirwano bitari ibyihutirwa. Ejo rero iyo nama yarateranye iyobowe na jenerali Roméo DALLAIRE, umugaba w'ingabo z'umuryango w'abibumbye ziri mu Rwanda, ubundi ikaba yari yaragiye iyoborwa n'umwungirije, jenerali ANYIDOHO ejo utarabashije kuboneka. Nk'uko tubikesha ubuyobozi bw'intumwa z'ingabo z'u Rwanda muri iyo

nama, jenerali de Brigade GATSINZI Marcel, ejo basuzumye imbanzirizamushinga w'amasezerano yo guhagarika imirwano, ikaba yarateguwe na MINUAR. Uyu munzi nyuma ya saa sita impaka zakomeje kuri iyo ngingo. Nta bisobanuro birambuye by'icyo baba baragezeho ejo cyangwa icyo bagezeho uyu munsi, usibye ko jenerali Romeo DALLAIRE we, mubyo yatangarije abanyamakuru b'abaha...bo mu mahanga yemeje ko ibintu bigenda neza.
F.P.R Inkotanyi imaze guca umutwe Kiriziya gaturika mu Rwanda. (Fin de cassette)

FACE B

...kubaza abanyarwanda niba bashaka (inaudible) kuko niba batayishaka bagatora...

... mu mugi wa Kigali byagabanganywa ababikeneye, isizuma ibiryo impu...impunzi zitahuka mu mugi wa Kigali zakwakirwa. Iyo nama kandi yafashe ibyemezo eeeh bihamye ku basahura iby'abandi, abagizi ba nabi n'abasirikari b'ibigwari bata urugamba bakaza guca abaturage intege bataretse no kubahohotera. Twumve iby'iyo nama dukesha mugenzi wacu Yohani Petero NSHIMYUMUREMYI wari uriyo.

0.5

Ba burugumestre, ba konseye n'abandi bose barebwa n'ikibazo cy'umutekano mu makomine ya Kacyiru, Kicukiro na Nyarugenge, babanje gushyira ahagaragara ibibazo bijyana n'umutekano w'abaturage bayobora, iby'ingenzi muri ibyo bibazo bikaba ari, icy'uko Inyenzi Nkotanyi zikomeje guhitana abaturage b'inzirakarengane, ikibazo cy'ibiribwa, icy'amazi n'umuriro, icy'abantu bakomeje ibikorwa by'ubusahuzi, icy'ubugizi bwa nabi, n'ikibazo cya zimwe muri za bariyeri zikerereza abagemuriye abaturage cyangwa se zikabaka amahoro. Ibyo bibazo n'ibindi, bimaze gusuzumanwa ubwitonzi n'abari mu nama, hafashwe imyanzuro myinshi tukaba tugiye kubagezaho iy'ingenzi muri yo.
Kubera ko Inyenzi Nkotanyi zikomeje kurasa ku baturage, inama yemeje ko mu gihe cya vuba hagiye gushyirwaho uburyo bwo kwirengera kw'abaturage buhamye kandi bunononsoye, kuva mu rwego rwa selire kugeza mu rwego rwa Komine aho umwanzi akomeje kubuza amahwemo abaturage. Inama yasanze ibikorwa by'urubyiruko rwunganira abasirikare ku rugamba bigomba kuba bizwi neza, kugira ngo rimwe na rimwe bitaba impfabusa. Ku byerekeye abasahura iby'abandi, inama yemeje ko bene abo bazajya bafatwa, kandi bagahanwa nk'umu...nk'umwanzi, kimwe n'abasirikare bata urugamba nta mpamvu. Inama yasabye abaturage kubashaka aho bari hose bagashyikirizwa ubutegetsi, hamwe n'ibyo bagenda basahura. Ku kibazo cy'ibiribwa, inama yafashe icyemezo cy'uko aho bibonetse muri za stocks byahabwa ababikeneye, abacuruzi muri za quartiers zose bakigira hamwe n'ubutegetsi uburyo bwo kugemurira abaturage. Bariyeri zambura cyangwa zike...zikerereza imodoka zigemuye, zikavanwaho byihutirwa. Ku byerekeye abantu bahunguka bagaruka mu mugi ariko bakaba bakaba

badashobora gusubira mu byabo kubera ikibazo cy'umutekano, inama yafashe icyemezo cy'uko hajyaho za komite zishinzwe kubakira hirya no hino mu masegiteri byaba ngombwa bakaba bacumbikirwa mu mazu atagira ba nyirayo bityo bakazibira umwanzi icyuho. Ku byerekeye ikibazo cyo kwivuza, inama yemeje ko ibigo by'ubuvuzi biri mu duce tutaberamo imirwano byakomeza imirimo yabyo, cyane cyane ko imiti y'abagiraneza iri hafi. Naho abaturage bakeneye ibyangombwa biranga umuntu bakabihabwa n'ubutegetsi bubari hafi. Ikibazo cy'intwaro zihabwa abaturage nacyo kiri mu byasuzumwe, inama ifata umwanzuro ko, intwaro nkeya zishoboye kuboneka, zajya zihabwa abantu b'inyangamugayo, abazihawe bagaragayeho imico n'imyifatire mibi bakazamburwa, cyane cyane abazikoresha bahungabanya umutekano w'abandi, basahura cyangwa bica, kimwe n'abazihunganye bakaba baziryamanye mu buhungiro. Ikibazo cy'amazi n'umuriro, inzego zibishinzwe zasabwe kwihutira kugikemura ku buryo bwihuse.

3.0

Bamwe mu bacitse ku icumu bo mu maperefegitura ya Byumba, Kibungo, Kigali n'igice kimwe cya Ruhengeri bahungiye muri superefegitura ya Ngororero muri Gisenyi. Perefe wa Gisenyi ZIRIMWABAGABO Charles ari kumwe na superefe BAZIMAZIKI basuye izo mpunzi basanga zifite ibibazo by'ingutu. Nta biryo, nta miti kandi barwaye, nta n'imyambaro bafite. Nibyo mugenzi wa Ildephonse FAYIDA wo mu biro by'akarere Ka ORINFOR i Gisenyi atugezaho.

3.5

Orateur : Ildephonse FAYIDA

